Repubulika y'U Rwanda

Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Gatsibo

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka abakozi b'urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) batari mu mwanya w'ubuyobozi.

**Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO ni ibi bikurikira:**

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba yabisabye ku bushake;
- Kuba agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
- Kuba afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
- Kuba afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta; kandi
- Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwen'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere;
2. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka ku rubuga rwa interineti rwa komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta no ku biro by'Akarere ;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi yavuzwe haruguru itariho umukono wa Noteri ;
4. Fotokopi y'indangamuntu;
5. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge abarizwamo.

Dosiye isaba akazi igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere cyangwa ikoherezwa kuri imeli y'Akarere **info@gatsibo.gov.rw** bitarenze ku wa 07/05/2025 saa 17h00

**Ikitonderwa :**
Iri tangazo riboneka kandi kuri Website y'Akarere ka Gatsibo ariyo : www.gatsibo.gov.rw

Bikorewe i Gatsibo ku wa 28/04/2025

AKARERE KA GATSIBO

**GASANA Richard**
Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo.

P.O.BOX Nyagatare, Hotline: 3380, Email: info@gatsibo.gov.rw, Website: www.gatsibo.gov.rw; Twitter: @GatsiboDistrict.